REPUBULIKA Y'U RWANDA
IBIRO BYA MINISTIRI W'INTEBE

Kigali, kuwa 27 mata 1994.

N° 007/02-3-9/94

Bwana Perefe wa
Perefegitura (Bose).

Impamvu : Amabwiriza yo kugarura umutekano mu gihugu

EXH P.48
7.5.1999

Bwana Perefe,

Ku itariki ya 6 mata 1994, indege yari itwaye Umukuru w'Igihugu cyacu, Nyakubahwa Jenerali Major HABYARIMANA Juvenali na Nyakubahwa NTARYAMIRA Sipiriyani,Perezida wa Repubulika y'Uburundi,hamwe n'intumwa bali bayoboye,yarashwe n'ababisha ubwo bari bavuye mu butumwa bwo kudushakira amahoro i Daresalamu muri Tanzaniya. Umutwe wa FPR-INKOTANYI wirengagije amasezerano y'amahoro y'ARUSHA ,wahise wubura imirwano utera ku birindiro by'Ingabo z'u Rwanda,ndetse n'Abasirikari bawo bari barinze Abakuru b'Inkotanyi basohoka aho bari bagenewe kuba muri CND, bakwira mu mugi wa Kigali, batangira ibikorwa by'ubwicanyi no gushaka gufata ibigo by'Ingabo z'Igihugu.

Inkuru y'incamugongo y'iyicwa rya Perezida wa Republika n'iy'isubukurwa ry'imirwano rya FPR yahise ikwira mu Gihugu imvururu zihita zitangira hirya no hino, zangiza ibintu byinshi ndetse n'abantu benshi bazigwamo, abandi bavanwa mu byabo.

Nyuma y'ibyo byago ,Ingabo z'igihugu zahise zihaguruka, zihangana n'umwanzi kandi zikora uko zishoboye kugirango umutekano w'abantu n'ibintu wubahirizwe.

Amashyaka atanu yari muri Guvernoma,ariyo MRND,MDR,PL,PSD,na PDC,amaze kubona ko Perezida wa Repubulika yitabye Imana, na Ministiri w'Intebe agahitanwa n'imvururu, yahise aterana asuzuma uburyo igihugu cyava mu gihirahiro cyari gitewe no kubura Abayobozi bakuru b'Igihugu.

Nk'uko Itegeko-Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda ryo kuwa 10 kamena 1991 ribiteganya mu ngingo yaryo ya 42, Perezida w'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere yahise asimbura by'agateganyo Perezida wa Repuburika, Bityo Nyakubahwa SINDIKUBWABO Théodore aba Perezida wa Repuburika.Ashyiraho Ministiri w'Intebe KAMBANDA Yohani nawe amushyikiriza listi y'Abagize Guvernoma,byumvikanyweho n'amashyaka MRND,MDR,PL,PSD na PDC.

Iyo Guvernoma yahawe inshingano eshatu zikurikira :

1) Gutegeka no kuyobora Igihugu mu buryo buhamye kandi buboneye, cyane cyane ikihutira kugarura no kubumbatira umutekano w'Abaturarwanda n'uw'ibintu byabo.

2) Gukomeza imishyikirano na FPR kugira ngo inzego z'inzibacyuho yaguye zijyeho bitarenze ibyumweru bitandatu nk'uko Inama ya ONU ishinzwe amahoro kw'isi yabisabye Leta y'u Rwanda.

3) Gukemura ikibazo cy'inzara yugarije abaturage benshi, cyane cyane abavanywe mu byabo n'intambara.

Nshingiye ku butumwa Nyakubahwa Perezida wa Republika yagejeje ku Banyarwanda,cyane cyane ku mataliki ya 8 ,13,14 na 17 mata 1994;

Nshingiye ku butumwa nanjye ubwanjye maze iminsi ngeza ku Banyarwanda;

Nshingiye ku byemezo by'Inama z'Abaministiri zitahwemye gusuzuma ikibazo cy'umutekano no kugeza ku Banyarwanda ubutumwa bugamije kubumbatira umutekano mu gihugu, cyane cyane mu nama yahuje Abaministiri n'Abaperefe yo kuwa 11 mata 1994,Inama y'Abaministiri yo kuwa 23 mata 1994,n'inama y'Abaminisitiri yo kuwa 27 mata 1994;

Mw'izina rya guvernoma y'u Rwanda, nshimishijwe no kubagezaho amabwiriza agomba gukurikizwa n'inzego zose zishinzwe umutekano n'Abaturage bose, kugira ngo umutekano n'ituze byahungabanye hirya no hino mu gihugu bigaruke vuba.

1). Nk'uko ahenshi mu maperefegitura byatangiye gukorwa, musabwe kwihutira gukoresha kenshi inama z'umutekano mu rwego rwa perefegitura mushinzwe kuyobora. Muri izo nama hagomba gufatirwamo ingamba zihamye zigomba guhita zishyirwa mu bikorwa hakurikijwe ibibazo by'umutekano byabonetse muri perefegitura. Buri nama ya perefegitura ishinzwe umutekano, igomba guteganya uburyo bwo kugenzura uko izo ngamba zishyirwa mu bikorwa kugira ngo ishobore gukurikiranira hafi uko umutekano ugenda ugaruka.

2). Kubera ko gushimangira umutekano bireba buri wese, musabwe, mu nzego zose zisuzuma ikibazo cy'umutekano kwifashisha inzego n'abantu bose bashobora kubunganira : abahagarariye amashyaka, abahagarariye amadini, abahagariye ubutegetsi bwite bwa Leta, ubucamanza, n'Ingabo z'Igihugu.

3). Umwanzi wateye u Rwanda arazwi : ni FPR-INKOTANYI. Musabwe rero gusobanurira Abaturage ko bagomba kwirinda icyo ari cyo cyose cyatuma basubiranamo bitwaje amoko, uturere, amadini, amashyaka, inzangano, n'ibindi, kubera ko iryo subiranamo ry'Abaturage riha umwanzi icyuho yameneramo.
Ariko kandi, Abaturage bagomba gukomeza kuba maso, kugira ngo batahure umwanzi n'ibikoresho bye, bamushyikirize ubutegetsi, batabishobora bakitabaza Ingabo z'Igihugu.

Abategetsi ba komini, aba Segiteri, n'aba Serire, bifashishije Ingabo z'Igihugu aho bishoboka,basabwe kugena aho amabariyeri azwi kandi yemewe yashyirwa no kugena uko amarondo yakomeza gukorwa kugira ngo umwanzi abure aho amenera.Kuri ayo mabariyeri no mu marondo,abaturage bagomba kwirinda guhohotera inzirakarengane.

4).Ibikorwa byo guhohotera abantu,gusahura,n'ubundi bugizi bwa nabi bigomba guhita buhagarara.Niyo mpamvu Ingabo z'Igihugu,za Parquet,nizindi nzego z'ubucamanza zigomba guhana zihanukiriye buri wese uzatahurwaho ibyo bikorwa.
Igihe cyose bibaye ngombwa mushobora kwifashisha Ingabo z'Igihugu n'Inzego z'Ubucamanza mu guhosha imvururu, mu kurwanya ibikorwa by'ubusambo n'ubusahuzi, no mu gutoza abaturage gukomeza umuco mwiza wo gutabarana no kwirwanaho.

5). Musabwe gukangurira Abaturage kwima amatwi abakwiza ibihuha bagamije guca intege abaturage no kubacamo ibice, mukabakangurira ahubwo gushyigikira byimazeyo Guvernoma yabo no gufatanya n'Ingabo z'Igihugu ziri ku rugamba ziharanira ubusugire bw'Igihugu cyacu no kugarura amahoro mu Rwanda.

6).Imodoka zose, ari iza Leta, ari n'iz'abantu ku giti cyabo ziva muri komini zijya mu yindi,muri perefegitura imwe,zigomba kuba zifite urupapuro rw'inzira (laissez-passer) rutanzwe na Burgumestiri wa komini ziturutsemo.

Imodoka za leta cyangwa iz'abantu ku giti cyabo ziva muri Perefegitura zijya mu yindi,zigomba kuba zifite urupapuro rw'inzira rutanzwe na Perefe wa Perefegitura ziturutsemo.

Imodoka za Leta ziri mu butumwa zigomba kuba zifite urupapuro rw'ubutumwa (Ordre de mission) rusinyweho na Minisitiri cyangwa umufasha we wa hafi (Directeur de Cabinet,cyangwa Directeur Général).

Imodoka z'Ingabo z'igihugu zigomba kuba zitwaje urwandiko rw'inzira (feuille de route) rutanzwe n'ubutegetsi bwa gisirikare.
Abantu bose bagenda muri izo modoka bagomba kuba banditse kuri izo mpapuro.

7).Imiryango itabara imbabare igomba kworoherezwa mu kazi kayo ko kugoboka abaturage bari mu kaga.Imodoka zishinzwe ako kazi zigomba kuba zifite impapuro z'inzira(feuilles de route)zitanzwe n'abayobozi b'iyo miryango,kandi izo mpapuro zikagaragaza lisiti y'abantu cyangwa ibintu zitwaye.

8). Uko umutekano w'abantu n'ibintu ugenda ugaruka mu makomini no mu maperefegitura yanyu, mugomba gusuzuma ku buryo bwihutirwa uko abakozi basubira ku mirimo, amasoko akarema uko bisanzwe, inganda zikongera gukora, abahinzi-borozi bakitabira imirimo yabo ya buri munsi kugira ngo bashobore kurwanya icyorezo cy'inzara kitwugarije.

9). Musabwe gukora gahunda igaragara yo gukoresha amanama y'Abaturage mu makomini, kugira ngo mushakire hamwe uburyo buboneye bwo kugarura no kubumbatira umutekano.

10).Ndabasaba nkomeje ko aya mabwiriza mwayashyira mu bikorwa mudatinze, kandi Inama za Perefegitura zishinzwe umutekano zikayashingiraho kugira ngo zigene ingamba n'ibikorwa bigamije kugarura amahoro n'umutekano mu Banyarwanda.

Mboneneyeho umwanya wo gushimira byimazeyo Ingabo z'Igihugu ubutwari n'ubwitange zikomeje kugaragaza kandi nkazisaba gukomeza umurego mu kurengera ubusugire bw'Igihugu n'umutekano w'abaturarwanda bose.

Ndangije mbashimira uruhare rukomeye mufite n'umurava mukomeza kugaragaza mu kubungabunga umutekano w'Abaturage n'ibintu byabo, mufatanije n'Ingabo z'Igihugu n'Inzego z'Ubucamanza.

Mugire amahoro.

**KAMBANDA Yohani**
Minisitiri w'Intebe

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  i Kigali.
- Madamu,Bwana Minisitiri (Bose)
- Perezida w'Ishyaka (Bose)

RÉPUBLIQUE DU RWANDA
PRÉFECTURE DE KIBUYE

Kibuye le 30.4.94
No 0280 /04.09.01

Monsieur le Sous-Préfet de la Sous-Préfecture de
BIRAMBO

Objet : Directives pour restaurer la sécurité

Monsieur le Bourgmestre de la commune (tous)
KIBUYE ( MABANZA)

Monsieur,

Vous trouverez ci-jointe des directives pour restaurer la sécurité dans le pays comme je les ai reçues du Premier Ministre dans la lettre No 007/02.3.9/94 du 27 avril 1994.

Vous êtes prié de les communiquer à toute la population dans la réunion de la sécurité comme il a été souhaité au cours de la réunion que nous avons tenue ensemble le 25.04/94.

Préfet de la Préfecture de Kibuye
Dr. KAYISHEMA Clément

C.P.I.

Monsieur le Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal KIGALI

RWANDAN REPUBLIC
KIBUYE PREFECTURE

Kibuye le 30.4.94
No 0280 /04.09.01

Mister the "Sous-Préfet" of the "Sous-Préfecture"
of BIRAMBO

Subject: Instructions to restore security

Mister the "Bourgmestre" of the commune (all)
KIBUYE ( MABANZA)

Dear Sir,

Please find hereby attached instructions to restore security in the country as I received them from the Prime Minister in the letter No 007/02.3.9/94 dated 27 avril 1994.

You are requested to communicate them to the population in a meeting as it has been suggested during the meeting we held together on 25/04/94.

"Préfet" of Kibuye "Préfecture"
Dr. KAYISHEMA Clément

C.C.

Minister of Interior and Communal Development
KIGALI